REPUBULIKA Y'U RWANDA	
MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO	MINISTRY OF PUBLIC SERVICE AND LABOR
REPUBLIC OF RWANDA	

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO, JUDITH UWIZEYE, MU MUHANGO WO KWIBUKA KU NSHURO YA 23 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994

Huye, Umurenge wa Mukura, kuwa 28.05.2017

- **Bwana Muyobozi w'Akarere ka Huye;**
- **Bayobozi mwese mu Nzego zinyuranye z'Akarere ka Huye;**
- **Baturage b'Akarere ka Huye;**
- **By'umwihariko Baturage b'Umurenge wa Mukura;**
- **Abagarariye Inzego z'Umutekano;**
- **Batumirwa mwese mwitabiriye uyu Muhango;**

1. **Dukomezanye kandi dukomeze dufatane mu mugongo mu gihe twibuka ku nshuro ya 23 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.**

2. **Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti: "Twibuke Jenoside yakorewe Abatutsi, Turwanya Ingengabitekerezo ya Jenoside, Dushyigikira ibyiza twagezeho".**

3. **Kuva ku itariki ya 07/04/2017, Igihugu cyacu cyatangiye iminsi 100 ngarukamwaka, yo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.**

4. **Kwibuka ni ishingano ya buri MunyaRwanda wese.**

5. **Ni inshingano kandi y'amahanga yose.**

6. **Jenoside yakorewe abatutsi ni icyaha cyakorewe inyokomuntu.**

7. **Kwibuka ni uguharanira ko Jenoside itazongera kubaho ukundi, “ *Never Again*”.**

8. **Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y’u Rwanda yaduhaye ubutumwa bukomeye agira ati: *“Ibyabaye ntitwashoboye kubikumira. Byarabaye, ntitwabisubiza inyuma. Ariko uyu munsi twagira icyo dukora. Icyo dushobora gukora ubu, ni ukwiyemeza ko bitazongera kubaho ukundi. Nta bantu bazongera gutotezwa”.***

9. **Kwibuka ni umwanya wo kunamira no gusubiza agaciro abacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi.**

10. **Ni inzira yo gukomeza ibikorwa bigamije guhangana n’ingaruka zikomeye za Jenoside, duharanira ko Jenoside itazongera kubaho ukundi.**

11. Leta y'u Rwanda yiyemeje:

- **Gukumira no guhana icyaha cya Jenoside;**
- **kurwanya ihakana n'ipfobya bya Jenoside;**
- **Kurandura burundu ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyo igaragariramo byose;**
- **Kurandura amacakubiri n'ivangura bishingiye ku moko, ku Turere n'ibindi ibyo aribyo byose.**

12. U Rwanda rugeze kuri byinshi kandi byiza nyuma y'imyaka 23 Jenoside yakorewe Abatutsi ihagaritswe n'Ingabo zari iza RPA ziyobowe na Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika.

13. Ubutwari bw'ikirenga bukomeje kuranga ingabo z'u Rwanda dukwiye guhora tubuzirikana.

14. Ubwo butwari buduha icyerekezo cyo kurwanya ikibi cyose cyabangamira inzira Abanyarwanda twahisemo y'ubumwe n'ubwiyunge no kubaka ubunyarwanda binyuze muri Gahunda ya Ndumunyarwanda.

15. Ijambo ritazibagirana Inkotanyi zabwiraga abo zarokoraga rigira riti: “Nimuhumure ntacyo mukibaye”.

16. Iri Jambo ryatanze ikizere cyo kubaho ku Banyarwanda bose.

17. Icyo kizere cyo kubaho gikomeze kiduhe imbaraga zo guharanira ejo heza hazaza.

18. Icyo kizere cyatumye Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi badaheranwa n’agahinda; ahubwo barangwa n’ubutwari baharanira kubaho no gushyigikira Inzira y’ubumwe n’ubwiyunge Leta yacu yashyizeho.

19. Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yarateguwe; ingengabitekereo yayo irimikwa.

20. Aya ni mateka azwi yashingiye ku miyoborere mibi yimakaje amacakubiri mu Bana b’u Rwanda haba mu gihe cy’ubukoloni no mu gihe cya Repubulika ya mbere n’iya kabiri.

21. Niyo mpamvu twibuka turwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

22. Kugira ngo Ingengabitekerezo ya Jenoside icike burundu; bityo Jenside ntizongere kubaho ukundi.

23. Ibikorwa bigize icyaha cy'Ingengabitekerezo ya Jenoside bigenda bigabanuka kubera ko Leta yacu yashyize ingufu nyinshi mu kubumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda kandi ikaba yarashyizeho n'amategeko ahana abagaragayeho ibyo bikorwa.

24. Ariko kandi hari aho Ingengabitekerezo ya Jenoside ikomeje kwigaragaza mu bikorwa bigararagarira mu mvugo zinyuranye zigaragaza urwango, imvugo zikomeretsa Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, kubahohotera n'izindi mvugo cyangwa imyitwarire ipfobya ikanahakana Jenoside.

25. Ibyo byose tugomba twese kubirwanya duharanira kubaka u Rwanda ruzira ingengabitekerezo ya Jenoside.

26. Mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, dukwiye gukomeza:

- **Kubungabunga ibimenyetso bya Jenoside buri wese akumva ko agomba kugira uruhare mu kubungabunga amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi;**

- **Kudahishira ibikorwa ibyo aribyo byose byaba bigamije gusibanganya cyangwa gufata nabi ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi;**

- **Kwigisha urubyiruko, mu miryango, mu mashuli, mu nsengero n'ahandi hose, amateka y'Igihugu cyacu.**

Baturage b'Akarere ka Huye;
By'Umwihariko Baturage b'Umurenge wa Mukura

27. Uruhare rwanyu rukomeje kugaragara mu kubungabunga ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi.

28. Uru Rwibutso rwa Jenoside Abaturage b'Umurenge wa Mukura mwiyubakiye binyuze mu bikorwa by'Umuganda; mukunganirwa n'Akarere ni ikimenyetso kigaragaza ko guhuza ingufu bitugeza kuri byinshi kandi byiza.

29. Ejo heza hazaza h'Igihugu cyacu dufite inshingano zo kuhubaka uyu munsi, mu bufatanye no guhuza ingufu.

30. U Rwanda rwo mu myaka iri imbere tuzasigira abadukomokaho tugomba kurwubaka buri munsi tukiriho.

31. Niyo mpamvu nsaba ko uburere butangirwa mu miryango buba inkingi yo Kurwanya Ingengabitekerezo ya Jenoside, abana bagakura bazira ibitekerezo bijyanye n'ingengabitekerezo n'amacakubiri ayo ariyo yose.

32. Mujya mwumva bamwe mu bavutse nyuma ya Jenoside bagenda bagaragaraho ingengabitekerezo ya Jenoside.

33. Ibi bigaragaza ko uburere bahabwa mu miryango yabo ari bubi.

34. Imyaka 23 ishize Jenoside ikorewe Abatutsi ibaye; hari byinshi Igihugu cyacu cyagezeho, tugomba gusigasira.

35. Muri ibyo byiza byinshi twavugamo ibi bikurikira:

- **Gukuraho indangamuntu y'ubwoko;**
- **Gukuraho ihezwa mu mashuri no mu kazi;**
- **Gucyura impunzi;**
- **Gukuraho umuco wo kudahana n'igihano cy'urupfu;**
- **Gukuraho kudaha abagore uburenganzira bungana n'ubw'abagabo;**
- **Kwegereza ubuyobozi abaturage no kubaha ububasha bwo kwihitiramo ibibakwiye;**
- **Kugarura ubumwe bw'abanyarwanda;**
- **Umutekano w'abantu n'ibyabo;**
- **Ububanyi n'amahanga;**
- **Gufata ingamba zituma abanyarwanda bose bareshya imbere y'amategeko.**

36. Ibyo byiza buri wese agomba kugira uruhare mu gukomeza kubibungabunga no guharanira ko bikomeza kwiyongera.

37. Kubibungabunga bidusaba kumenya icyo dushaka nk'Abanyarwanda no guhitamo igikwiye.

38. Biradusaba kwihesha agaciro, biradusaba kwigira, biradusaba gukora cyane tugamije kwiteza imbere; biradusaba ubumwe, biradusaba guharanira ikiza no kurwanya ikibi icyo ari cyo cyose.

39. Bidusaba kandi kwima amatwi uwo ariwe wese washaka kuzana ibitekerezo bitandukanya AbanyaRwanda.

40. Biradusaba guha agaciro ubuyobozi bwiza dufite ubu.

41. Mu gihe twegereje igihe cyo kongera kwitorera Umukuru w'Igihugu cyacu; mu kwezi kwa munani uyu mwaka, gusigasira ibyagezweho bidusaba kandi guhitamo neza, tugatora neza.

42. Bityo Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika agakomeza kutubera Umusingi w'ibyiza tumaze kugeraho, tukabisigasira nyabyo.

43. Mu gusoza ndabasaba gukomera no dukomeza gufatana mu mugongo.

44. Dukomeze tube hafi Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi kuko Jenoside yabagizeho ingaruka zikomeye mu buryo bwihariye.

45. Twite ku mpfubyi; abapfakazi n'incike za Jenoside, dukomeza guharanira kubaho kandi neza, mu Rwanda rutazabamo Jenoside ukundi.

46. **Dukomeze Twibuke Jenoside yakorewe Abatutsi, Turwanya Ingengabitekerezo ya Jenoside, Dushyigikira Ibyiza byinshi Tumaze kugeraho.**

47. **Murakoze.**

48. **Mugire Amahoro.**